Australian Government
Department of Home Affairs

# Kurwanya Kwivanga kw'Amahanga muri Australia

Gukorera hamwe mu kugira Australia ifite umutekano uhagije



©Commonwealth of Austalia (Leta ya Australia) 2024

Ukuyemo ikirangantego cya leta ya Australia, ibirimo hano byose byatanzwe hakurikijwe Creative Commons Attribution 4.0 International license kurihttps://creativecommons.org/licenses/by/4.0/legalcode

Ibi bivuzeko uruhushya rukoreshwa kuri aya makuru nkuko biteganyijwe muri iyi nyandiko.

Amakuru arambuye y'ibigendarwaho yuru ruhushya aboneka k'urubuga rwa interineti rwa the Creative Commons kuri https://creativecommons.org nkuko ingingo zuzuye z'amategeko za CC BY 4.0 license kuri https://creativecommons.org/licenses/by/4.0/legalcode.

**Ikoreshwa ry'Ikirangantego**

Amategeko akurikizwa mu gukoresha ikirangantego arasobanuye ku buryo burambuye ku rubuga rwa interineti rw'Ishami rya Minisitiri w'Intebe n'Akanama k'Abaminisitiri kuri https://www.pmc.gov.au/government/commonwealth-coat-arms.

**Shyikirana natwe**

Ibibazo bigendanye n'uruhushya no gukoreshwa kw'iyindandiko bihawe ikaze kuri:

Ishami ry'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Umutekano (Department of Home Affairs)
PO Box 25
BELCONNEN ACT 2616

# Kwivanga kw’amahanga gushyira mu kaga uko tubayeho

Ubutasi no kwivanga kw’amahanga bishyira mu kaga kwigenga, demokrasia , indangagaciro, n’inyungu z’iguhugu bya Australia - imibereho yacu.

Australia iri mu bihugu bigambiriwe n’ibikorwa bihoraho kandi bikomeye byo kwivanga kw’amahanga biturutse mu bihugu bitandukanye.

Nkuko Umuyobozi Mukuru w’Umutekano yabivuze, ‘Iterabwoba ku mibereho yacu ryateje ikibazo cy’umutekano w’ibanze wa Australia. Hagendewe kubyo Urwego rw’Iperereza rw’Umutekano (Australian Security Intelligence Organisation) rubona, rukoraho iperereza, rusuzuma no gukoma mu nkokora, abaturage ba Australia benshi bahura n’ikibazo cyikorerwaho ubutasi no kwivanga kw’amahanga kubwinshi kurusha mbere.’

Kunanirwa gukemura ikibazo cyo kwivanga kw’amahanga bizagira ingaruka mbi z’igihe kirekire kuri Australia.

Kubireka ntagikozwe bizakomeza gutesha agaciro indangagaciro za demokrasia , uburenganzira, inzego za leta, ubukungu bujya mbere, itangazamakuru no gushyira hamwe byacu.

Iyi nyandiko irerekana:

- Uri mukaga kurusha abandi.
- Icyo leta irimo gukora gucyemura kwivanga kw’amahanga.
- Icyo abantu ku giti cyabo n’amashyirahamwe bashobora gukora birinda.

**Kwivanga kw’amahanga n’icyaha muri Australia kandi gihanwa kugeza ku imyaka 20 y’igifungo hakurikijwe Commonwealth Criminal Code Act 1995 (Igingo y’Itegeko Rihana Ibyaha rya Commonwealth rya 1995.**

# Urutonde rw’ibirimo

**Kwivanga kw’amahanga gushyira mu kaga uko tubayeho ..... 3**

**Urutonde rw’ibirimo ..... 4**

**Uko watanga raporo gukekwa ko kwivanga kw’amahanga ..... 5**

Kuri raporo bwite ni za rusange ..... 5

Kuri Guverinoma n’abacuruzi ba Australia n’abashinzwe ubushakashatsi ..... 5

**Kwivanga kw’amahanga n’iki? ..... 6**

Abibasirwa no kwivanga kwa leta z’amahanga ..... 6

Ubutasi n’iki? ..... 6

**Ninde wibasirwa kurusha abandi no kwivanga kw’amahanga? ..... 7**

Imiryango ..... 7

Inzego za demokarasi ..... 8

Amashuri makuru n’ubushakashatsi ..... 9

Ibikorwa bizana inyungu ..... 10

Itangazamakuru no guhana amakuru ..... 11

**Icyo ushobora gukora kugabanya ingaruka zo kwivanga kw’amahanga? ..... 12**

Abantu ku giti cyabo ..... 12

Guverinoma n’Inganda ..... 13

**N’iki guverinoma ikora mukurwanya kwivanga kw’amahanga? ..... 14**

Amategeko ..... 14

Ingamba zinyongera ..... 15

# Uko watanga raporo gukekwa ko kwivanga kw'amahanga

**Mu ngorane zihutirwa hamagara 000**

## Kuri raporo bwite ni za rusange

**National Security Hotline (Umurongo w'Umutekano mu Gihugu)**

- Hamagara: 1800 1234 00 (uri hanze ya Australia: (+61) 13001234 01)
- Imeyili: hotline@nationalsecurity.gov.au

Raporo zitanzwe kuri National Security Hotline (Umurongo wa telephone w'Umutekano mu Rwego rw'Igihugu) zishobora kugirwa iziterekana umwirondoro, kandi zikagezwa ku nzego zishinzwe gushyira amategeko mu bikorwa n'izumutekano kugirango bazirebe niba zakurikiranwa.

## Kuri Guverinoma n'abacuruzi ba Australia n'abashinzwe ubushakashatsi

**Portal ya Notifiable Incidents Threats or Reportable Observations (Ibikorwa Bihungabanya Umutekano Bigomba Kumenyeshwa (NITRO))**

- Portal yurubuga rwa interineti itekanye: Home | NITRO (asio.gov.au)

NITRO ni portal yurubuga rwa interineti itekanye yashyiriweho ubucuruzi Bwa Australia n'ibigo by'ubushakashatsi mu gutanga raporo z'ibikorwa biteye impungenge n'ibikorwa byo gukanga, guhohotera, igitugu, cyangwa ibikorwa byiterabwoba.

# Kwivanga kw’amahanga n’iki?

Kwivanga kw’amahanga n’ibikorwa bikorwa na, bikorewe, biyobowe cyangwa biterwa inkunga na, cyangwa bikozwe hari ubufatanye na, ubutegetsi bw’amahanga kandi bikaba bizana:

- akaga k’umuntu, cyangwa.
- ari ibanga cyangwa uburiganya kandi bibangamiye cyane inyungu za Australia.

## Abibasirwa no kwivanga kwa leta z’amahanga

- Abantu - bashobora kurya ruswa cyangwa gushyirwaho igitugu kuburyo bworoshye, cyangwa bashobora gushukwa mu gukorera leta y’amahanga.
- Ibikorwa remezo n’ibigo - bishobora kugenzurwa, kujyerwaho cyangwa gukorwa mu nkokora.
- Amakuru - ashobora kwibwa, gukorerwa uburiganya cyangwa guhimbwa.

## Ubutasi n’iki?

- Ubutasi n’ukwiba amakuru bikozwe n’umuntu ukorera ubutegetsi bw’amahanga, cyangwa ashaka guha amakuru ubutegetsi bw’amahanga bushaka kuyakoresha kugirango bugire ibyo bugeraho muri Australia.

## Ni gute ingufu z’amahanga zitandukanye no kwivanga kw’amahanga?

**N’ibyingenzi gutandukanya kwivanga kw’amahanga n’ingufu z’amahanga.**

- Guverinoma zose, harimwo na Guverinoma ya Australia, zishaka guhindura ibintu by’ingenzi kuri zo.
- Ingufu z’amahanga n’igikorwa kiri ku mugaragaro, kitarimo uburiganya kandi cyubaha abantu bacu, imiryango yacu n’inzego za demokarasi.
- Ingufu z’amahanga harimwo ibikorwa by’ububanyi n’amahanga, politike yo kugera kubafata ibyemezo, ibikorwa byo guhana amakuru, guhemba, n’umuco w’ububanyi n’amahanga.

Iyo bikozwe ku mugaragaro no mu mucyo, ibi bikorwa ntabwo ari ukwivanga kw’amahanga.

# Ninde wibasirwa kurusha abandi no kwivanga kw'amahanga?

Guverinoma z'amahanga zibasira ibice bitandukanye by'umuryango wa Australia mu nzira zitandukanye.

## Imiryango

Nubwo iterabwoba ryokwivanga kw'amahanga rigera ku muryango mugari wa Australia, abagize imiryango y'abakomoka hanze ya Australia baribasirwa cyane kurusha abandi na guverinoma z'amahanga zishaka kubacecekesha.

Kwivanga kw'amahanga mu miryango bikorwa mu buryo bwinshi, harimo:

- Guterwa ubwoba, gukurikiranwa mu buryo bw'umubiri cyangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga,kuburizwa irengero cyangwa guhohotera abantu bafatwa nk'abatemeranya na guverinoma y'amahanga.
- Kwivanga mu kugira uruhare muri demokarasi no gutesha agaciro gushyira hamwe kw'abantu.
- Ibikorwa by'amakuru yo kuri murandasi bigerageza gutesha agaciro cyangwa kwandagaza umuntu cyangwa igice cy'abantu.
- Gushyira igitutu ku bantu ngo bateze imbere inyungu z'ubukungu na politike za guverinoma y'amahanga batera ubwoba imiryango yabo cyangwa abo bafite aho bahuriye.
- Gutegeka abagize umuryango mugari wacu kuva muri Australia, bagasubira mu gihugu cyabo cya kavukire, hanze ya gahunda iteganyijwe yo kubasubiza iwabo.

Kwivanga kw'amahanga gushobora kugira ingaruka zikurikira.

- Abanyamuryango cyangwa abaturage ntibashobora kugira uruhare bisanzuye mu biganiro bikorerwa ku karubanda.
- Abanyamuryango barisuzuma bakumva bakuwe mu muryango mugari.

**Urugero: Gutera ubwoba abigaragambya**

Jesse agiye mu myigaragambyo yemewe n'amategeko mu mujyi wa Australia kubigendanye n'ikibazo cya politike mu kindi gihugu.
Jesse abonyeko hari umuntu ufata amafoto na video z'abigaragambya. Nyuma yo kujya mu myigaragambyo, Jesse atangira gutotezwa binyuze kuri murandasi. Umuryango wa Jesse mu kindi gihugu urabazwa unaterwa ubwoba no kugirirwa nabi bikomeye n'ubuyobozi bwaho batuye kubera ibikorwa bya Jesse muri Australia. Jesse atangira gusuzuma imyitwarire ye, avugana ubwoba kubera kugirirwa nabi kwakongera kubaho, agabanya uburenganzira bwe bwo kuvuga no kugira uruhare mu muryango mugari wa Australia.

## Inzego za demokarasi

Kwivanga kw'amahanga gushobora gukora mu nkokora ubwitange bwa Australia bwo gukurikiza indangagaciro za demokarasi no kugabanya ikizere rubanda iyifitiye mu butajegajega bwa Demokarasi yacu. Ku rwego rw'isi, guverinoma z'amahanga zagiye zigerageza gutesha agaciro demokarasi mu matora, muri politike no kwivanga mu nzego, bakoresheje inzira zikurikira:

- Kugerageza guhindura ibiva mu matora bibogamira ku mukandida cyangwa ishyaka rifite amatwara akunzwe muri guverinoma y'amahanga.
- Kugerageza guhindura ibintu mw'ibanga, guhata cyangwa guha ruswa umukandida, umuyobozi wa politike cyangwa abategetsi ba guverinoma gukorera inyungu z'amahanga kurusha iza Australia.
- Gukwirakwiza amakuru y'ibinyoma mu kugabanya ikizere cy'abatora mu kutajegajega k'uburyo amatora akorwa na guverinoma igendera kuri demokarasi.

### Urugero: Kwivanga muri politike ya Australia

Ubutegetsi bw'amahanga mwibanga bukayobora umunyamuryango wa Australia gutanga inkunga mu kwiyamamaza kumunyapolitike wa Australia. Nyuma yaho umunyapolitike wa Australia akabona neza wa munyamuryango, noneho akemera ubusabe bw'umuntu ku giti cye ko umunyapolitike wa Australia afata umurongo runaka ku kintu gifitiye inyungu ubutegetsi bw'amahanga. Umunyamuryango ntabwo abwira umunyaploitike wa Australia ko ubutegetsi bw'amahanga bwamuyoboye kwitwara gutyo.

Muri uru rugero, ubutegetsi bw'amahanga n'umunyamuryango bagize uruhare mu gikorwa cyo kwivanga kw'amahanga, ariko ntabwo ari umunyapolitike,utashishoje kuri iki gikorwa kibanga cy'ubutegetsi bw'amahanga.

## Amashuri makuru n'ubushakashatsi

Kwivanga kw'amahanga bishobora gutesha agaciro ubwigenge bw'amasomo muri za kaminuza za Australia n'abandi batanga ubumenyi bwo mu mashuri. Guverinoma z'amahanga zishobora guha akazi abiga cyangwa abakora muri za kaminuza zifite intego yo guhindura ikerekezo cy'ubushakashatsi bwabo cyangwa zigerageza kwiba ubumenyi/ubuhanga kugirango babiboneremo inyungu za gisirikare cyangwa z'ubucuruzi. Guverinoma z'amahanga zishobora kugerageza mw'ibanga kugena ibyigwa bigendanye n'inyungu zazo, no kugenzura no gutera ubwoba abanyeshuri bava hanze.

Ibi bishobora kumera gutya:

- Gukoresha igitutu cy'ubukungu guhata kaminuza gusinya amasezerano ataboneye atanga uburenganzira bw'ubuhanga n'inyungu z'ubukungu gusa ku bihugu by'amahanga.
- Kugerageza gugira uruhare mu bwigenge bw'abanyakamunuza bwo kubaza, ururimi rukoreshwa, ibyigwaho, cyangwa ibyigwa mu masomo, ngo bigendane n'inyungu z'amahanga.
- Kugerageza gucecekesha ubwisanzure bwo kuvuga no kwisobanura mu bigo bya kaminuza iyo ibitekerezo bidahura na ibya guverinoma y'amahanga.

### Urugero: Kaminuza n'ubushakashatsi

Umwarimu wa kaminuza uyobora ubushakashatsi kw'ikoranabuhanga ryo kwirinda mu bya gisirikare agiye mu nama mu gihugu cy'amahanga, abayiteguye bishyura ibikenewe byose. Abateguye bakoresha inama mukubashaka ngo babahe akazi. Nyuma y'umwanzuro w'inama, umushakashatsi agaruka muri Australia, agatangira gutanga amakuru agendanye n'umutekano w'igihugu wa Australia n'ibishyizwe imbere mu kwirinda ku baje mu nama baba mu gihugu cy'amahanga. Ibi bikajyana mu gusubira hasi k'umutekano w'igihugu cya Australia.

## Ibikorwa bizana inyungu

Kwivanga kw'amahanga kubangamira inyungu n'ubushobozi by'ubucuruzi bwa Australia, bizana ingaruka mbi ku burumbuke bw'ubukungu, ubushobozi bwo kwirinda n'ikizere tugirirwa n'inshuti n'ibihugu dukorana. Ikoranabuhanga, amabuye y'ingenzi cyane n'ibikorwa remezo bikenewe cyane, byose bigize inyungu za guverinoma z'amahanga.

Uburyo bukoreshwa mu gutesha agaciro inganda harimo:

- Imishinga y'ubufatanye no gukorana, aho ababifitemo uruhare cyangwa ibigamijwe by'abafatanya bikorwa mpuzamahanga bihishwa kubushake.
- Gukoresha ibikorwa by'ubucuruzi mu kubona ubushakashatsi n'ikoranabuhanga bya Australia kunyungu z'ubucuruzi n'igisirikare by'ibindi bihugu.
- Uburiganya bw'amasoko nuko ibicuruzwa bigezwa ku babikeneye byangiza ubushobozi bw'ibikorwa bizana inyungu no guhatana mu bice by'igenzi by'ubukungu.

### Urugero: Ubufanye munganda

Isosiyeti y'ubucuruzi ya Australia yinjiye mu bufatanye n'isosiyeti y'ubucuruzi ifitwe n'igihugu cy'amahanga (SOE). SOE ifite imibanire ya hafi na serivisi z'ubutasi z'igihugu cy'amahanga. SOE yo hanze ishyize igishoro kinini mu mushinga, kandi yashyizeho gahunda yo kuzana abakozi gukora mu gihe runaka muri sosiyeti iri muri Australia. Sosiyeti ya Australia yari iziko bishobokako haba akaga ku mutekano w'igihugu, ariko basinya uwo mushinga kubera impamvu z'ubucuruzi. Hanyuma ubu bufatanye bwashyize isosiyeti y'ubucuruzi mu kaga ko kwivanga kw'amahanga n'ubutasi.

## Itangazamakuru no guhana amakuru

Demokarasi ikomeye irangwa no kubaho kw'amakuru yizewe, ubwigenge bwo kwisobanura n'itangazamakuru ryigenga. Kwivanga kw'amahanga mw'itangazamakuru gutesha agaciro ubushobozi bwa Australia mu gufasha gufata ibyemezo bigendanye na politike, imibanire n'ubukungu, kandi bigatuma kutumvikana biba bibi mu miryango, bikuraho ubumwe bwacu.

Ibi bishobora kumera gutya:

- Gushyira imbere imyumvire runaka no gukwirakwiza amakuru atariyo, bifasha inyungu za guverinoma y'amahanga, no gutesha agaciro indangagaciro za demokarasi.
- Gukoresha abanyamakuru n'abandi bakora mw'itangazamakuru mu kugerageza kugenzura amakuru ajyezwa kuri rubanda.
- Kugerageza kubuza cyangwa kugenzura ibitekerezo bikomeye kuvugwaho mu itangazamakuru rya Australia, harimo no kugenzura ibigomba kwemerwa gutangazwa, cyangwa gutoteza no gutesha agaciro abanyamakuru, abaharanira uburenganzira bwa kiremwamuntu n'abanyepolitiki.

### Urugero: Gutesha agaciro itangazamakuru riri mu mucyo

Abandisti bakuru b'ibinyamakuru bashyirwaho igitutu n'akanama kabakuriye kugirango bavuge gusa amakuru yerekeye ibibazo runaka. Bitazwi n'abanditsi bakuru, umubare w'abagize akanama kabo kabakuriye bafite aho bahuriye na guverinoma y'amahanga, kandi bashaka kugabanya uko amakuru atari meza avuga ku bibazo bya politike kugirango bigendane nuko guverinoma y'amahanga ibishaka. Gutanga amakuru bigoramye buhoro buhoro bitangira gutesha agaciro imyumvire ya rubanda ku bigendanye na politike n'ikizere cyabo muri abo batanga amakuru no mw'itangazamakuru rya Australia.

# Icyo ushobora gukora kugabanya ingaruka zo kwivanga kw'amahanga?

Twese dufite inshingano zo kurwanya kwivanga kw'amahanga. Tugomba gusobanukirwa iterabwoba. Kongera kudacika intege kwacu turwanya kwivanga kw'amahanga n'inshingano dufatanyije.

Guverinoma ya Australia irimo ikorana n'abantu ku giti cyabo n'amashyirahamwe/ibigo gushyiraho uburyo bwo kugabanya ingaruka mbi no guhangana n'ibikorwa byo kwivanga kw'amahanga.

## Abantu ku giti cyabo

- Niba wumvautewe ubwoba cyangwa udatekanye mu buryo ubwo aribwo bwose, hamagara polisi:

  –koresha 000 niba uri mu utewe ubwoba ubwo nyine; cyangwa.

  – 13 14 44 niba atari iterabwoba ryuwo mwanya.
- Niba utekerezako wagezweho no kwivanga kw'amahanga, tanga raporo kuri National Security Hotline (Umurongo w'Umutwekano w'Igihugu) [Australian National Security (Umutekano w'Igihugu wa Australia)]. Ushobora gutanga raporo udatanze umwirondoro.
- Ntabwo abantu bose uhuriye nabo kuri murandasi ari abo bavugako aribo. Utekereze witonze ku mwirondoro n'ibyabandi bagamije, no ku ngorane zishobora kubaho mbere yuko utanga amakuru cyangwa winjira mu bwumvikane nabo ufatanya nabo [ Think before you link (Tekereza mbere yuko wifatanya) | ASIO].
- Tekana kuri murandasi [ Protect yourself (Irinde)| Cyber.gov.au].
- Iga uburyo bwo kumenya amakuru atari ayukuri n'amakuru atariyo ugereranya n'itangazamakuru ryizewe. Shishoza amakuru yo kumbuga nkoranyambaga unarebe ibibogamye.
- Ku buryo bw'amatora: hagarara na utekereze [stop-and-consider-external-flyer.pdf (aec.gov.au)]:n'amakuru avuye ahantu hizewe? Yanditswe ryari? Ashobora kuba ari ububeshyi?
- Ha Comiseri wa eSafety raporo y'ihohoterwa kumurongo kuri : https://esafety.gov.au/report.
- Niba ufite impungenge ku myitwarire idakwiye y'umukozi w'ambasade muri Australia menyesha Department of Foreign Affairs and Trade's Protocol Branch kuri Protocol.branch@dfat.gov.au.
- Niba usabwe gukora ibikorwa ubikoreye guverinoma y'amahanga, ishyirahamwe rya politike ryo mu mahanga, cyangwa ikigo cya guverinoma yo hanze cyangwa umuntu ku giti cye , ibaze niba ukeneye kwandikisha ibikorwa byawe muri Foreign Influence Transparency Scheme [Foreign Influence Transparency Scheme | Attorney-General's Department].
- Kwivanga kw'amahanga gushobora guhungabanya ubuzima bwo mu mutwe n'ubuzima bwiza muri rusange. Serivisi zikurikirira zitanga ubufasha n'ubuntu,
  ziboneka 24/7, n'ibanga kandi hatangwa ubujyanama bw'ubunyamwuga.
  – Lifeline: 13 11 14
  – Beyond Blue: 1300 224 636

## Guverinoma n'Inganda

Irinde, urinde ishyirahamwe ryawe n'imyitwarire yawe, urinde n'akazi kawe umenya iterabwoba unakora isuzuma rihagije mbere yo kugira ubufatanye bushya.

- NITRO (Notifiable Incidents, Threats or Reportable Observations) n'inzira yindi yo gutanga raporo. Iyi ni portal ya internet itekanye yashyiriweho abantu basanzwe batakuriweho gusuzumwa kuibyumutekano gutanga raporo y'impungenge zigendanye n'ubutasi, kwivanga kw'amahanga cyangwa ihungabana ry'umutekano wo mu gihugu bigendanye no kwirinda bya gisirikare,uburezi n'ibice bitandukanye by'ubucuruzi.

  – NITRO iboneka ku rubuga rwa interineti rwa ASIO kuri nitro.asio.gov.au.

- Imyitwarire idakwiye y'umokozi w'ambasade y'igihugu cy'amahanga igomba kumenyeshwa Department of Foreign Affairs and Trade's Protocol Branch kuri Protocol.branch@dfat.gov.au.
- Shyiraho kandi ugire uburyo bukomeye bwo kurinda umutekano ushyiraho ingamba na gahunda byo kurinda abantu, amakuru n'imitungo ngo umutekano udahungabana [Protective Security Policy Framework].
- Ugire ibigufasha kwirinda bikomeye kuri murandasi:

  – Tanga raporo y'ingorane kuri the Australian Cyber Security Centre (ACSC) [Report and recover | Cyber.gov.au].

  – Iyandikishe kuba umufatanyabikorwa wa ACSC [Australian Signals Directorate's Cyber Security Partnership Program | Cyber.gov.au].

- Reba akaga k'iterabwoba gashobora kubaho imbere, ushyireho uburyo bwo gukumira ingaruka nk' ugukora isuzuma ry'abakozi, kureba uburyo bwo kugukuraho kugongana kw'inyungu, kureba ubushobozi bw'amashuri, kugenzura imikorere, forode n'imyitwarire y'akazi [Countering the Insider Threat: A guide for Australian Government (Ifashayobora rya Guverinoma ya Australia)].
- Urebe igihugu cya sosiyeti, umuntu ku giti cye cyangwa ishyirahamwe ko banditswe nk'igihugu cy'amahanga cyangwa banditse nk'abari hejuru mu bateza akaga na Financial Action Task Force (Akanama Kareba iby'Imali) [Home (fatf-gafi.org)].
- Sobanukirwa intellectual property (Ubumenyi Bwite(IP)) cyangwa ubushakashatsi n'uburyo bw'iterambere bizakoreshwa mu masezerano ayo ariyo yose, ishoramari cyangwa ubufatanye. Gira gahunda yo kurinda IP, harimo kurwanya ubujura cyangwa gukoreshwa nabi bitateganyijwe [Secure your success | ASIO].
- Ku bafatanya bikorwa, abagize akanama k'ubuyobozi n'abayobozi bakuru, abashoramari, ita kuri ibi bikurikira.

  – Reba Department of Foreign Affairs and Trade Consolidated List y'abantu n'ibigo bafatiwe ibihano na Australia's sanction regime [Consolidated List | Australian Government Department of Foreign Affairs and Trade (dfat.gov.au)].

  – Reba Foreign Influence Transparency Scheme register [Transparency Register - Transparency Register (ag.gov.au)] ubone amakuru y'umubano, abantu ku giti cyabo cyangwa ishyirahamwe baba bafite na guverinoma y'amahanga, amashyirahamwe ya politike y'amahanga cyangwa abantu n'ibigo bifite imikoranire na guverinoma y'amahanga.

  – Menya nezako sosiyeti cyangwa ishyirahamwe ryanditwse Hano muri Australia, ibi bishobora kwemezwa binyuze kuri Australian Business Register (aho ubucuruzi bwandikwa) [ABN Lookup (business.gov.au)] na Australian Securities and Investments Commission [Search ASIC's Registers | ASIC].

  – Menya neza amakuru ya sosiyeti n'abayifitemo imigabane, abayitangije n'abafatanyabikorwa bacecetse igihe ushaka gukorana nabo ubucuruzi.

  – Reba uburyo amakuru azaboneka, uburyo n'ikoranabuhanga burashakwa cyangwa buzatangwa mu gukorana mu bucuruzi kandi hari ingingo zanditse zo kurangiza amasezerano.

  – Reba niba amategeko yo mu gihugu cya sosiyeti cyangwa ishyirahamwe ashyira mu gaciro kandi azana uburinganire, niba amategeko atanga uburyo bukurikije amategeko bwo kubona amakuru n'ibyanditswebitanzwe na guverinoma n'inzego z'ubutasi.

# N’iki guverinoma ikora mukurwanya kwivanga kw’amahanga?

Guverinoma ya Australia yashyizeho amategeko nizindi ngamba zo guhangana n’akaga kazanwa no kwivanga kw’amahanga no kurinda inyungu za Australia.

## Amategeko

Guverinoma ya Auastralia ifite uburyo bw’amategeko bukomeye bwo kugira ibikorwa byo kwivanga kw’amahanga ibyaha bihanwa n’amategeko.
*Criminal Code Act 1995* (Igingo y’itegeko rihana ibyaha rya 1995) igira ibyaha bihanwa ibikorwa by’ibanga kandi by’uburiganya cyangwa bizana umutekano muke bikozwe na abantu bashaka:

- kugira ibyo bahindura mu nzego no muburyo bwa demokarasi ya Australaia;
- guhindura igikorwa cya demokarasi cyangwa uburenganzira bwa politike cyangwa umukoro;
- gutera inkunga ibikorwa by’ubutasi bw’igihugu cy’amahanga; cyangwa;
- gufata umutekano w’igihugu cya Australia mu buryo butaribwo.

Kwivanga kw’amahanga kurahanwa kugeza ku myaka 20 y’igifungo hifashishijwe Criminal Code (Ingingo y’Amategeko Ahana).

*Foreign Arrangements Scheme* (*Programu kubigendanye n’amahanga)* ikora ku buryo imikoranire hagati ya kaminuza za leta, guverinoma za state cyangwa territory (intara) n’ibigo by’amahanga bitagira icyo bitwara imibanire mpuzamahanga ya Australia mu buryo bubi kandi ikurikije amatwara y’ububanyi n’amahanga ya Australia. Ku makuru yandi, sura Foreign Arrangements (Imikoranire n’amahanga).

The *Foreign Influence Transparency Scheme* (Programu yo gushyira mu mucyo ibigendanye no kwivanga kw’amahanga), yashinzwe na *Foreign Influence Transparency Scheme Act 2018,* (itegeko rya 2018 ryo gushyira mu mucyo ibigendanye no kwivanga kw’amahanga), riteganyako abantu cyangwa amashyirahamwe/ibigo bandikisha bimwe mu bikorwa byabo bikorerwa muri Australia bakorera banyirabyo b’abanyamahanga. Ibi biha rubanda kubona imiterere, urwego n’ikigero by’ibyingufu zo guhindura ibintu kuri guverinoma na politike ya Australia. Ku makuru yandi sura urubuga rwa FITS .

*Foreign Investment Framework* (*Ibikurikirwa mw’Ishoramari Mpuzamahanga)* isubiramo ibyifuzo biri hejuru y’ikigero cyemewe cy’ibigo mu gushora imari muri Australia, kugirango ishoramari mpuzamahanga ritabangamira inyungu z’igihugu za Australia. Ku makuru yandi, sura www.foreigninvestment.gov.au.

The *Protecting Australia’s Critical Technology (Kurinda Ikoranabuhanga Ry’Ingenzi cyane rya Australia (PACT)) Visa Screening Framew*ork ( Isuzuma ryo Gutanga Visa) ikora ku buryo hari isuzuma rya visa rikomeye kubasaba viza bashaka kwiga ikorana buhanga ry’ingenzi cyane mubyo biga, harindwa ibigo bya Australia kujyanwa kw’ikoranabuhanga ry’ingenzi cyane ku buryo butemewe.

*Security of Critical Infrastructure (SOCI) Act 201*8 (Itegeko ryo 2018 ry’umutekano w’ibikorwa remezo by’ingenzi cyane*)* risobanura inshingano z’amategeko kubafite, bagakora, cyangwa bafite inyungu ku buryo bweruye mu mitungo y’ibikorwa by’ingenzi cyane.

## Ingamba zinyongera

### Counter Foreign Interference Taskforce (Abashinzwe Kurwanya Kwivanga Kw'Amahanga (CFI Taskforce))

Iyobora Australian Security Intelligence Organisation (Ishyirahamwe rya Australia ry'Umutekano n'Ubutasi) hamwe na Australian Federal Police (Polisi y'Igihugu ya Australia), CFI Taskforce iyobora ibikorwa bya Australia byo guhangana n'ubutasi no kwivanga kw'amahanga, bagakora bavumbura, basuzuma, bakora iperereza, batesha kandi, aho bishoboka bakageza mu nkiko ibikorwa byo kwivanga kw'amahanga.

### Counter Foreign Interference Coordination Centre (Ikigo Gihuza Ibikorwa byo Kwivanga kw'Amahanga (CFICC))

Muri Home Affairs (Ubuyobozi bw'Igihugu n'Umutekano), CFICC ifasha Umuhuzabikorwa w'Igihugu wa Counter Foreign Interference ahuza ingufu zose za Guverinoma mu kurwanya kwivanga kw'amahanga anayobora ingamba za CFI no gukorana nandi mashyirahamwe.

### University Foreign Interference Taskforce (Akanama ka Kaminuza mu Kurwanya Kwivanga kw'Amahanga (UFIT))

UFIT izana abakora muri za kaminuza n'ibigo bya guverinoma ya Australia gukorera hamwe bakemura ihungabana ry'umutekano ryazanwa no kwivanga kw'amahanga mu nzego z'uburezi zo hejuru.

### Technology Foreign Interference Taskforce (Abashinzwe Kwivanga kw'Amahanga mw'Ikoranabuhanga (TechFIT))

TechFIT izana abakora mw'ikoranabuhanga n'ibigo bya Guverinoma ya Australia gukorera hamwe bakemura ihungabana ry'umutekano ryazanwa no kwivanga kw'amahanga mu gice cy'ikoranabunga ry'ingenzi cyane.

### Electoral Integrity Assurance Taskforce (Abashinzwe Kuzana Kutajegajega kwa Akanama k'Amatora (EIAT))

EIAT itanga amakuru n'inama ku Mukuru w'Akanama k'Amatora ya Australia ku bintu byagira ingaruka ku butajegajega bw'amatora yo kurwego rw'igihugu ya Australia, harimwo guhungabana k'umutekano kuzwi n'ukutazwi kwazanwa no kwivanga kw'amahanga. Ku makuru yandi sura, Electoral Integrity Assurance Taskforce webpage.

### Media / digital literacy initiatives (Itangazamakuru/ibikorwa byo kumenya ibyo kuri murandasi)

Guverinoma ya Australia ifasha porogaramu zo kubaka ubumenyi bwo kuri murandasi, ifasha inyungu za rubanda mw'itangazamakuru no kurinda itangazamakuru ritandukanye.